

# FUDU STAMPU KU BIMUKIRA BUJUJE IBYANGOMBWA

## **Fudu Stampu ni iki?**

**Programu ya Fudu Stampu**, ariyo bita **Fudu Stampu**, ifasha abantu kugura ibiribwa. Uhabwa ikarita ushobora gukoresha ugura ibyokurya mu masoko y`ibiribwa.

## **Mbese nshobora kubona Fudu Stampu?**

Ugomba kuba uri umukene kugirango ufashwe. Ugomba kuba uri muri United States mu buryo bwemewe n`amategeko. *Si* ngombwa ko uba ubana n`abana, uri umukambwe, cyangwa uri ikimuga.

## **N`ubwo waba uri hano mu buryo bwemewe n`amategeko, hari ubwo ushobora kutabona Fudu Stampu, iyo:**

1. Uri umuture wa burundu (LPR) mu myaka 5 y`ikubitiro muri urwo rwego (utari impunzi cyangwa uwahawe ubuhungiro "asayili");
2. Wasabye ubuture bwa burundu mu gihe utegereje gusubizwa;
3. Wasabye ubuhungiro cyangwa guhindurirwa urundi rwego rw`ubuhunzi mu gihe utegereje gusubizw n`ubuyobozi bwa Leta nkuru bugenga iby`abinjira; cyangwa se
4. Uri mu rundi rwego rwemewe rudasanze.

**Urwego rw`abimukira wabamo urwo arirwo rwose, iyo uri muni y`imyaka 18 y`amavuko, kandi uri mu gihugu mu buryo bwubahirije amategeko, ushobora kubona Fudu Stampu.**

## **Iyo uri muri rimwe muri aya matsinda, ushobora guhabwa Fudu Stampu, iyo:**

- Wahawe Fudu Stampu guhera ku ya **1 Nyakanga, 2011**;
- Uri muni y`imyaka 18 y`amavuko;
- Ushaje cyangwa waramugaye;
- Wagiriwe ihohoterwa ryo mu ngo; **cyangwa**
- Uri mu rindi tsinda ry`ubugorwe rizasobanurwa rityo na DHHS.

**Icyitonderwa:** DHHS ishobora gushyira abana (bari muni y`imyaka 18 y`amavuko) b`abantu basaba ubuhungiro, muri aya matsinda y`ubugorwe.

## **Ku bibazo byerekeye porogaramu, bariza kuri:**

### **Maine Equal Justice Partners (MEJP)**

Telephone: 207-626-7058 cyangwa inomeru itishyurwa 1-866-626-7059

Email address: [www.mejp.org](http://www.mejp.org)

## **Ku bibazoi ibibazo byerekeye immigrant status, mushobora kubariza kuri:**

### **Immigrant Legal Advocacy Project (ILAP)**

Telephone: 207-780-1593 cyangwa inomeru itishyurwa 1-800-497-8505

Email address: [www.ilapmaine.org](http://www.ilapmaine.org)